

**ITEGEKO N° 58/2017 RYO KU WA 21/1/2018
RIGENGA IBIJYANYE N'INYANDIKO
NYEMEZABUBIKO**

ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

**UMUTWE WA II: ITANGWA
RY'ICYEMEZO CYO GUTANGA
INYANDIKO NYEMEZABUBIKO**

**Ingingo ya 3: Urwego rutanga icyemezo cyo
gutanga inyandiko nyemezabubiko**

**Ingingo ya 4: Gusaba icyemezo cyo gutanga
inyandiko nyemezabubiko**

**Ingingo ya 5: Ibisabwa usaba icyemezo cyo
gutanga inyandiko nyemezabubiko**

**Ingingo ya 6: Itangwa ry'icyemezo cyo gutanga
inyandiko nyemezabubiko**

**Ingingo ya 7: Itangazwa ry'icyemezo cyo
gutanga inyandiko nyemezabubiko**

**Ingingo ya 8: Impamvu z'ihagarikwa
n'iyamburwa ry'icyemezo cyo gutanga
inyandiko nyemezabubiko**

**LAW N°58/2017 OF 21/1/2018
REGULATING THE WAREHOUSE
RECEIPT SYSTEM**

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

**CHAPTER II: ISSUANCE OF
WAREHOUSE RECEIPT OPERATOR'S
LICENSE**

**Article 3: Organ to issue Warehouse receipt
operator's license**

**Article 4: Application for a warehouse
receipt operator's license**

**Article 5: Requirements for application a
warehouse receipt operator's license
application**

**Article 6: Issuance of a warehouse receipt
operator's license**

**Article 7: Publication of issuance of
warehouse receipt operator's license**

**Article 8: Grounds for suspension and
revocation of warehouse receipt operator's
license**

**LOI N° 58/2017 DU 21/1/2018 PORTANT
RÈGLEMENTATION DU SYSTÈME DE
RÉCÉPISSÉS D'ENTREPÔT**

TABLE DES MATIÈRES

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

**CHAPITRE II: OCTROI DE LICENCE
D'OPÉRATEUR DE RÉCÉPISSÉ
D'ENTREPÔT**

**Article 3: Organe compétent pour l'octroi de
licences d'opérateur de récépissé d'entrepôt**

**Article 4: Demande de licence d'opérateur de
récépissés d'entrepôt**

**Article 5: Conditions de demande de licence
d'opérateur de récépissés d'entrepôt**

**Article 6: Octroi d'une licence d'opérateur de
récépissés d'entrepôt**

**Article 7: Publication de l'octroi d'une
licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt**

**Article 8: Motifs de suspension et de retrait
de licence d'opérateur de récépissés
d'entrepôt**

<u>Ingingo va 9:</u> Ibikurikizwa mu ihagarikwa n'iyamburwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 9:</u> Procedures for suspension and revocation of warehouse receipt operator's license	<u>Article 9:</u> Procédures de suspension et de retrait de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt
<u>Ingingo va 10:</u> Inkurikizi z'ihagarikwa n'iyamburwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 10:</u> Effects of suspension and revocation of warehouse receipt operator's license	<u>Article 10:</u> Effets de suspension et de retrait de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt
<u>Ingingo va 11:</u> Kujuririra icyemezo cyafashwe n'Ikigo	<u>Article 11:</u> Legal recourse against the Authority's decision	<u>Article 11:</u> Recours contre la décision de l'Autorité
<u>Ingingo va 12:</u> icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga	<u>Article 12:</u> Decision of the Independent Review Panel	<u>Article 12:</u> Décision du Comité de recours indépendant
<u>UMUTWE WA III:</u> NYEMEZABUBIKO	<u>CHAPTER III:</u> WAREHOUSE RECEIPT	<u>CHAPITRE III:</u> RÉCÉPISSÉ D'ENTREPÔT
<u>Iciviro cya mbere:</u> Ibihuriweho n'inyandiko nyemezabubiko zose	<u>Section One:</u> Common provisions for all warehouse receipts	<u>Section première:</u> Dispositions communes à tous les récépissés d'entrepôt
<u>Ingingo va 13:</u> Agaciro k'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 13:</u> Status of a warehouse receipt	<u>Article 13:</u> Statut d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo va 14:</u> Ikoreshwa ry'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 14:</u> Use of warehouse receipt	<u>Article 14:</u> Usage d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo va 15:</u> Imiterere y'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 15:</u> Form of a warehouse receipt	<u>Article 15:</u> Forme d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo va 16:</u> Ibyandikwa ku nyandiko nyemezabubiko	<u>Article 16:</u> Contents of a warehouse receipt	<u>Article 16:</u> Contenu d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo va 17:</u> Kopi y'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 17:</u> Duplicate of a warehouse receipt	<u>Article 17:</u> Duplicata d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo va 18:</u> Ifatira	<u>Article 18:</u> Seizure	<u>Article 18:</u> Saisie

<u>Iciviro cya 2:</u> Inyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Section 2:</u> Negotiable warehouse receipt	<u>Section 2:</u> Récépissé d'entrepôt négociable
<u>Ingingo va 19:</u> Icuruzwa ry'inyandiko nyemezabubiko hatangwa ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 19:</u> Negotiability of a warehouse receipt by delivery of commodities	<u>Article 19:</u> Négociabilité d'un récépissé d'entrepôt à la livraison de produits de base
<u>Ingingo va 20:</u> Icuruzwa ry'inyandiko nyemezabubiko hashyirwaho umukono inyuma nta zina ryanditseho cyangwa ufite inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 20:</u> Negotiability of a warehouse receipt endorsed in blank or to the holder	<u>Article 20:</u> Négociabilité d'un récépissé d'entrepôt endossé en blanc ou au porteur
<u>Ingingo va 21:</u> Icuruzwa ry'inyandiko nyemezabubiko yanditseho inyuma izina ry'umuntu uzwi	<u>Article 21:</u> Negotiability of a warehouse receipt to the order of a named person	<u>Article 21:</u> Négociabilité d'un récépissé d'entrepôt endossé à une personne désignée
<u>Ingingo va 22:</u> Ihererekanywa ry'inyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Article 22:</u> Transfer of a negotiable warehouse receipt	<u>Article 22:</u> Cession d'un récépissé d'entrepôt négociable
<u>Ingingo va 23:</u> Agaciro k'iherekanywa ry'inyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Article 23:</u> Effect of transfer of a negotiable warehouse receipt	<u>Article 23:</u> Effet de la cession d'un récépissé d'entrepôt négociable
<u>Ingingo va 24:</u> Ihererekanya ry'inyandiko nyemezabubiko icuruzwa nta mukono uri inyuma	<u>Article 24:</u> Transfer of negotiable warehouse receipt without endorsement	<u>Article 24:</u> Cession d'un récépissé d'entrepôt négociable sans endossement
<u>Ingingo va 25:</u> Ubwishingire mu icuruzwa ry'inyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Article 25:</u> Warranties on negotiation of a negotiable warehouse receipt	<u>Article 25:</u> Garanties sur la négociation d'un récépissé d'entrepôt négociable
<u>Ingingo va 26:</u> Uburenganzira bw'umuntu weguriwe inyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Article 26:</u> Rights of a person to whom a negotiable warehouse receipt has been transferred	<u>Article 26:</u> Droits du cessionnaire du récépissé d'entrepôt négociable
<u>Ingingo va 27:</u> Inyandiko nyemezabubiko icuruzwa idafite uwo yanditseho cyangwa yahinduwe ifite uwo yanditseho ariko yahinduwe	<u>Article 27:</u> Negotiable warehouse receipt that is blank or issued to the order of someone but altered	<u>Article 27:</u> Récépissé d'entrepôt négociable en blanc ou délivré à l'ordre d'une personne mais altéré

<u>Iciviro cya 3:</u> Inyandiko nyemezabubiko idacuruzwa	<u>Section 3:</u> Non-negotiable warehouse receipt	<u>Section 3:</u> Récépissé d'entrepôt non-négociable
<u>Ingingo va 28:</u> Ireme ry'inyandiko nyemezabubiko idacuruzwa	<u>Article 28:</u> Nature of a non-negotiable warehouse receipt	<u>Article 28:</u> Nature d'un récépissé d'entrepôt non-négociable
<u>Ingingo va 29:</u> Ihererekanya ry'inyandiko nyemezabubiko idacuruzwa	<u>Article 29:</u> Transfer of a non-negotiable warehouse receipt	<u>Article 29:</u> Cession d'un récépissé d'entrepôt non-négociable
<u>Ingingo va 30:</u> Uburenganzira bw'uweguriwe inyandiko nyemezabubiko idacuruzwa	<u>Article 30:</u> Rights of a person to whom a non-negotiable warehouse receipt is transferred	<u>Article 30:</u> Droits du cessionnaire du récépissé d'entrepôt non-négociable
<u>UMUTWE WA IV: IBIKORWA BY'UCUNGA UBUBIKO BW'IBICURUZWA</u>	<u>CHAPTER IV: ACTIVITIES OF A WAREHOUSE OPERATOR</u>	<u>CHAPITRE IV: ACTIVITÉS D'UN OPERATEUR D'ENTREPÔT</u>
<u>Iciviro cya mbere:</u> Iyakirwa ry'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Section One:</u> Reception of commodities	<u>Section première:</u> Réception de produits de base
<u>Ingingo va 31:</u> Ubucuruzi bunyuzwe mu bubiko bw'ibicuruzwa bwahawe icyemezo	<u>Article 31:</u> Trading through licensed warehouse	<u>Article 31:</u> Commerce par l'intermédiaire d'entrepôt agréé
<u>Ingingo va 32:</u> Ishyirwaho ry'ibipimo n'amabwiriza ngenderwaho	<u>Article 32:</u> Establishment of standards and guidelines	<u>Article 32:</u> Mise en place des normes et règles à suivre
<u>Ingingo va 33:</u> Ibitabo by'ububiko bw'ibicuruzwa	<u>Article 33:</u> Records of a warehouse	<u>Article 33:</u> Registres d'un entrepôt
<u>Ingingo va 34:</u> Gutangaza ibiciro	<u>Article 34:</u> Publication of tariffs	<u>Article 34:</u> Publication des tarifs
<u>Iciviro cya 2:</u> Imibikire y'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Section 2:</u> Storage of basic commodities	<u>Section 2:</u> Entreposage des produits de base
<u>Ingingo va 35:</u> Kubika ibicuruzwa by'ibanze ahantu hatandukanye	<u>Article 35:</u> Keeping commodities separately	<u>Article 35:</u> Entreposage séparé des produits de base

<u>Ingingo va 36:</u> Kutavanga ibicuruzwa by'ibanze bidahuje ubwoko n'ubuziranenge	<u>Article 36:</u> Avoiding mixing basic commodities of different type and quality	<u>Article 36:</u> Éviter de mélanger les produits de base de type et qualité différents
<u>Ingingo va 37:</u> Ivanwa ry'ibicuruzwa by'ibanze mu bubiko bw'ibicuruzwa	<u>Article 37:</u> Removal of commodities from the warehouse	<u>Article 37:</u> Retrait des produits de base de l'entrepôt
<u>Ingingo va 38:</u> Umutekano w'ububiko bw'ibicuruzwa	<u>Article 38:</u> Security of the warehouse	<u>Article 38:</u> Sécurité de l'entrepôt
<u>Iciviro cya 3:</u> Itangwa ry'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Section 3:</u> Delivery of basic commodities	<u>Section 3:</u> Livraison de produits de base
<u>Ingingo va 39:</u> Ibigenderwaho mu itangwa ry'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 39:</u> Conditions for delivering basic commodities	<u>Article 39:</u> Conditions de livraison de produits de base
<u>Ingingo va 40:</u> Abantu badahabwa ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 40:</u> Persons prevented from being given basic commodities	<u>Article 40:</u> Personnes auxquelles les produits de base ne sont pas livrés
<u>Ingingo va 41:</u> Itangwa ry'ibicuruzwa by'ibanze ku nyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Article 41:</u> Delivery of commodities under a negotiable warehouse receipt	<u>Article 41:</u> Livraison de produits de base en cas de récépissé d'entrepôt négociable
<u>Ingingo va 42:</u> Itangwa ry'ibicuruzwa by'ibanze ku nyandiko nyemezabubiko idacuruzwa	<u>Article 42:</u> Delivery of basic commodities under a non- negotiable warehouse receipt	<u>Article 42:</u> Livraison de produits de base en cas de récépissé d'entrepôt non- négociable
<u>Ingingo va 43:</u> Ivanwaho ry'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 43:</u> Cancellation of a warehouse receipt	<u>Article 43:</u> Annulation d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo va 44:</u> Kunanirwa gutanga cyangwa kwimana ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 44:</u> Failure or refusal to deliver commodities	<u>Article 44:</u> Incapacité ou refus de livrer les produits de base
<u>Iciviro cya 4:</u> Ingwate y'ucunga ububiko bw'ibicuruzwa	<u>Section 4:</u> Warehouse operator's collateral	<u>Section 4:</u> Garantie d'un opérateur d'entrepôt

<u>Ingingo va 45:</u> Ishingiro ry'ingwate y'ucunga ububiko bw'ibicuruzwa	<u>Article 45:</u> Basis of a warehouse operator's collateral	<u>Article 45:</u> Fondement de la garantie d'un opérateur d'entrepôt
<u>Ingingo va 46:</u> Uburenganzira bw'ucunga ububiko bw'ibicuruzwa ku bicuruzwa by'ibanze	<u>Article 46:</u> Warehouse operator's right on commodities	<u>Article 46:</u> Droit de l'opérateur d'entrepôt sur les produits de base
<u>Ingingo va 47:</u> Ibisabwa ngo uburenganzira ku bicuruzwa by'ibanze bukoreshwe	<u>Article 47:</u> Requirements for enforcement of the right on commodities	<u>Article 47:</u> Conditions d'exercice du droit sur les produits de base
<u>Ingingo va 48:</u> Imenyeshwa ry'abafite inyungu ku bicuruzwa by'ibanze	<u>Article 48:</u> Notification to persons who have interest in the commodities	<u>Article 48:</u> Notification aux personnes ayant un intérêt sur les produits de base
<u>Ingingo va 49:</u> Igomborwa ry'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 49:</u> Preventing the sale of the commodities	<u>Article 49:</u> Obstacle à la vente des produits de base
<u>Ingingo va 50:</u> Gutakaza uburenganzira ku ngwate	<u>Article 50:</u> Loss of lien	<u>Article 50:</u> Perte de privilège
<u>Iciviro cya 5:</u> Uburyozwe bw'ucunga ububiko bw'ibicuruzwa	<u>Section 5:</u> Warehouse operator liability	<u>Section 5:</u> Responsabilité de l'opérateur d'entrepôt
<u>Ingingo ya 51:</u> Uburyozwe bwo kutandika amagambo y'ingenzi ku nyandiko nyemezabubiko	<u>Article 51:</u> Liability for omission of the essential terms from a warehouse receipt	<u>Article 51:</u> Responsabilité pour l'omission des termes essentiels d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo ya 52:</u> Uburyozwe bwo kutavanaho inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 52:</u> Liability for non-cancellation of a warehouse receipt	<u>Article 52:</u> Responsabilité pour défaut d'annulation du récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo ya 53:</u> Uburyozwe bw'ibura cyangwa iyangirika ry'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 53:</u> Liability for loss of or damage to commodities	<u>Article 53:</u> Responsabilité pour perte ou endommagement des produits de base
<u>Ingingo ya 54:</u> Ubwishyu bw'ibura n'iyangirika by'ibicuruzwa by'ibanze	<u>Article 54:</u> Compensation for loss of and damage to commodities	<u>Article 54:</u> Réparation pour perte et endommagement des produits de base
<u>Ingingo ya 55:</u> Ubwishyu bwo kubahiriza uburenganzira ku ngwate bidakurikije	<u>Article 55:</u> Compensation for unlawful exercise of right of lien	<u>Article 55:</u> Réparation en cas d'illégalité lors de l'exercice du droit de privilège

amategeko

Ingingo va 56: Ivanwaho ry'uburyozwe ku ucunga ububiko bw'ibicuruzwa

Article 56: Exemption of liability for a warehouse operator

Article 56: Exemption de responsabilité pour un opérateur d'entrepôt

UMUTWE WA V: AMAKURU, IGENZURA N'IPEREREZA

CHAPTER V: INFORMATION, INSPECTION AND INVESTIGATION

CHAPITRE V: INFORMATIONS, INSPECTION ET ENQUÊTE

Ingingo va 57: Itangwa rya raporo

Article 57: Submission of report

Article 57: Soumission de rapport

Ingingo va 58: Ububasha bw'Ikigo bwo gusaba amakuru

Article 58: Power of the Authority to request for information

Article 58: Pouvoir de l'Autorité de demander des informations

Ingingo va 59: Igenzura ry'ububiko bw'ibicuruzwa

Article 59: Inspection of warehouses

Article 59: Inspection des entrepôts

Ingingo va 60: Ububasha bw'Ikigo bwo kwinjira mu bubiko bw'ibicuruzwa

Article 60: Power of the Authority to enter into a warehouse

Article 60: Pouvoir de l'Autorité d'entrer dans un entrepôt

Ingingo va 61: Igenzura ry'ibitabo n'inyandiko by'ububiko bw'ibicuruzwa

Article 61: Inspection of records and documents of warehouses

Article 61: Inspection des dossiers et documents d'un entrepôt

Ingingo va 62: Igenzura rya konti z'ububiko bw'ibicuruzwa

Article 62: Audit of accounts of a warehouse

Article 62: Audit des comptes d'un entrepôt

Ingingo va 63: Isaba ry'amakuru ku buryo budahoraho

Article 63: Selective inquiry

Article 63: Demande ponctuelle de renseignements

Ingingo va 64: Ishyirwaho ry'abakora iperereza

Article 64: Designation of investigators

Article 64: Désignation d'enquêteurs

Ingingo va 65: Inshingano yo korohera ukora iperereza

Article 65: Obligation to facilitate the investigator

Article 65: Obligation de faciliter la tâche à l'enquêteur

UMUTWE WA VI: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 66: Itangwa rya kopi y'inyandiko nyemezabubiko hadakurikijwe uburyo itangwamo

Ingingo ya 67: Itangwa ry'inyandiko nyemezabubiko itagaragaza ko nyir'ibicuruzwa by'ibanze ari na we ucunga ububiko bw'ibicuruzwa

Ingingo ya 68: Itangwa ry'ibicuruzwa by'ibanze inyandiko nyemezabubiko icuruzwa itasubijwe ucunga ububiko bw'ibicuruzwa

Ingingo ya 69: Kutubahiriza amabwiriza rusange y'Ikigo

UMUTWE WA VII: IBYAHA N'IBIHANO

Ingingo ya 70: Kwangiza ibitabo n'inyandiko zijyanye n'ububiko bw'ibicuruzwa

Ingingo ya 71: Itangwa ry'inyandiko nyemezabubiko y'ibicuruzwa by'ibanze bitakiriwe

Ingingo ya 72: Itangwa ry'inyandiko nyemezabubiko y'ibicuruzwa by'ibanze mu buriganya

Ingingo ya 73: Icuruzwa ry'inyandiko nyemezabubiko y'ibicuruzwa by'ibanze byatanzweho ingwate

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 66: Improper issuance of a duplicate warehouse receipt

Article 67: Issuance of warehouse receipt without stating that the owner of commodities is also the warehouse operator

Article 68: Delivery of commodities without giving back the negotiable warehouse receipt to the warehouse operator

Article 69: Violation of the general regulations of the Authority

CHAPTER VII: OFFENCES AND PENALTIES

Article 70: Destruction of warehouse records and documents

Article 71: Issuance of a warehouse receipt on non-delivery commodities

Article 72: Fraudulent issuance of a warehouse receipt for commodities

Article 73: Negotiation of warehouse receipt for mortgaged commodities

CHAPITRE VI: SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 66: Émission d'un duplicata d'un récépissé d'entrepôt sans suivre les procédures de son émission

Article 67: Émission d'un récépissé d'entrepôt sans indiquer que le propriétaire des produits de base est aussi opérateur d'entrepôt

Article 68: Livraison des produits de base sans récupération du récépissé d'entrepôt négociable par l'opérateur d'entrepôt

Article 69: Violation des règlements généraux de l'Autorité

CHAPITRE VII: INFRACTIONS ET PEINES

Article 70: Destruction des registres et documents liés à un entrepôt

Article 71: Émission d'un récépissé d'entrepôt pour les produits de base non réceptionnés

Article 72: Fraude dans l'émission d'un récépissé d'entrepôt

Article 73: Négociation d'un récépissé d'entrepôt pour les produits de base grevés de sûreté

<u>Ingingo ya 74:</u> Gutanga inyemezabubiko udafite icyemezo	<u>Article 74:</u> Issuance of warehouse receipt without a license	<u>Article 74:</u> Émission d'un récépissé d'entrepôt sans licence
<u>UMUTWE WA VIII:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	<u>CHAPTER VIII:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VIII:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 75:</u> Aho amafaranga y'ihazabu ashwirwa	<u>Article 75:</u> Destination of fines	<u>Article 75:</u> Destination des amendes
<u>Ingingo ya 76:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 76:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 76:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 77:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 77:</u> Repealing provision	<u>Article 77:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 78:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 78:</u> Commencement	<u>Article 78:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

**ITEGEKO N°58/2017 RYO KU WA 21/1/2018
RIGENGA IBIJYANYE N'INYANDIKO
NYEMEZABUBIKO**

**LAW N°58/2017 OF 21/1/2018
REGULATING THE WAREHOUSE
RECEIPT SYSTEM**

**LOI N° 58/2017 DU 21/1/2018 PORTANT
RÈGLEMENTATION DU SYSTÈME DE
RÉCÉPISSÉS D'ENTREPÔT**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
28 Ugushyingo 2017;

The Chamber of Deputies, in its session of 28
November 2017;

La Chambre des Députés, en sa séance du 28
novembre 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015,
cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69,
iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106,
iya 120 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses
articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Isubiye ku itegeko ryo kuwa 20 Werurwe 1923
ryerekeye inyandiko nyemezabubiko;

Having reviewed the Decree of 20 March 1923
on warrants;

Revu le Décret du 20 mars 1923 sur les
warrants ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**
RUSANGE

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigenga ibijyanye n'inyandiko nyemezabubiko.

This Law governs the warehouse receipt system.

La présente loi porte réglementation du système de récépissés d'entrepôt.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

As used in this Law, the following terms shall have the meanings ascribed to them below:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1 ° **icyemezo cyo gukora:** icyemezo cyatanzwe hakurikijwe iri tegeko harimo n'ingingo zavugururwa cyangwa zahindurwa keretse aho biteganyijwe ukundi;

1 ° **operating license:** authorisation issued in accordance with this Law and including renewals and amendments thereof unless otherwise provided;

1 ° **licence d'opérateur:** licence émise au titre de la présente loi, y compris les renouvellements et modifications y relatifs à moins que le contexte ne l'exige autrement;

2 ° **igicuruzwa cy'ibanze:** igicuruzwa gikomoka ku buhinzi cyangwa amabuye y'agaciro n'ikindi gicuruzwa cyose cyagenwa n'Ikigo;

2 ° **commodity:** an agricultural or mining good and/or any other product that may be determined by the Authority;

2 ° **produit de base:** produit agricole ou minier et tout autre produit pouvant être déterminé par l'Office;

3 ° **igura:** kugira ikintu habayeho kugurisha, kugabanyiriza umuntu igicro, gucuruza, ubugwate ku mutungo utimukanwa, inyandiko nyemezabwishyu, ingwate cyangwa igikorwa cy'ubucuruzi gikozwe ku bushake cyabyarira inyungu umutungo;

3 ° **purchase:** acquisition of a product through sale, discount, negotiation, mortgage, pledge, collateral, or any voluntary transaction that may produce an interest in property;

3 ° **achat:** acquisition par voie de vente, d'escompte, de négociation, d'hypothèque, de gage, de garantie ou de transaction volontaire permettant la constitution d'un intérêt dans un bien;

4 ° **Ikigo:** Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

4 ° **Authority:** the Capital Market Authority of Rwanda;

4 ° **Autorité:** Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda ;

5 ° **inyandiko nyemezabubiko:** ikimenyetso cy'uko ibicuruzwa by'ibanze bingana gutya kandi bifite ubuziranenge bumeze gutya

5 ° **warehouse receipt:** an evidence that specifies the quantity of commodities and states the quality that were deposited at a

5 ° **récépissé d'entrepôt:** preuve que des produits de base spécifiés d'une quantité et qualité déclarées ont été déposés dans un

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

- byabikijwe mu bubiko bw'ibicuruzwa n'uwashyize ibicuruzwa by'ibanze mu bubiko bw'ibicuruzwa uzwi; particular warehouse by a named depositor; entrepôt particulier par un déposant désigné ;
- 6° **inyandiko nyemezabubiko icuruzwa:** inyandiko nyemezabubiko ishobora kwegurirwa undi ku buryo bwemewe n'amategeko hashyirwa umukono inyuma yayo cyangwa hatangwa igicuruzwa cy'ibanze; 6° **negotiable warehouse receipt:** an instrument that may be legally transferred to another person by endorsement or delivery of a commodity; 6° **récépissé d'entrepôt négociable:** récépissé d'entrepôt légalement susceptible d'être cédé par endossement ou livraison d'un produit de base;
- 7° **inyandiko nyemezabubiko idacuruzwa:** inyandiko nyemezabubiko yahawe uyifite cyangwa haratanzwe amabwiriza ngo ayegurirwe ikaba yarashyizweho ikimenyetso imbere cyerekana ko idacuruzwa; 7° **non-negotiable warehouse receipt:** an instrument issued to the holder or to the order of a specified person and marked non-negotiable on the face of it; 7° **récépissé d'entrepôt non-négociable:** récépissé d'entrepôt émis en faveur du détenteur ou à l'ordre d'une personne spécifique et marqué non-négociable sur le recto;
- 8° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze ; 8° **Minister:** the Minister in charge of trade; 8° **Ministre:** le Ministre ayant le commerce dans ses attributions;
- 9° **ububiko bw'ibicuruzwa:** inyubako, ahantu hateguye mu buryo bwihariye cyangwa ahandi hantu hafite umutekano hafite icyemezo cyatanzwe na Minisitiri hakaba hagenewe kubikwamo cyangwa gutunganyirizwamo ibicuruzwa by'ibanze hagamijwe kugura no kugurisha ibicuruzwa; 9° **warehouse:** a building, structure or other protected enclosure duly licensed by the Minister to be used for the storage or conditioning of commodities for the purpose of trading; 9° **entrepôt:** bâtiment, espace aménagé ou toute autre enceinte protégée dûment agréés par le Ministre pour être utilisés pour le stockage ou le conditionnement des produits à des fins commerciales;
- 10° **ububiko bw'ibicuruzwa bwemewe:** ububiko bw'ibicuruzwa bwujuje ibipimo ngenderwaho; 10° **certified warehouse:** a warehouse which meets basic standards; 10° **entrepôt certifié:** entrepôt répondant aux normes;
- 11° **ububiko bw'ibicuruzwa bwahawe icyemezo:** ububiko bw'ibicuruzwa ubwo ari bwo bwose bwahawe icyemezo cyo gukora n'Ikigo hakurikijwe iri tegeko; 11° **licensed warehouse:** any warehouse for which the Authority has issued an operating license in accordance with this Law; 11° **entrepôt agréé:** tout entrepôt en faveur duquel l'Autorité a émis une licence d'opérateur conformément à la présente loi;

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

- 12° **ucunga ububiko bw'ibicuruzwa:** umuntu ukora ubucuruzi bwo kubika ibicuruzwa by'ibanze hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;
- 12° **warehouse operator:** a person engaged in the business of storing commodities in accordance with this Law;
- 12° **opérateur d'entrepôt:** personne qui se livre aux activités commerciales de stockage des produits de base conformément à la présente loi ;
- 13° **ufite inyandiko nyemezabubiko:** umuntu ufite inyandiko nyemezabubiko yahawe cyangwa yamweguriwe cyangwa ku bw'amabwiriza yatanzwe cyangwa yitwa iy'uyifite cyangwa nta zina ryanditseho;
- 13° **holder:** a person who possesses a warehouse receipt issued or endorsed to him/her or to his/her order or to the holder or in blank;
- 13° **détenteur:** personne en possession d'un récépissé d'entrepôt émis ou endossé à cette personne ou à son ordre ou au détenteur ou en blanc;
- 14° **ukwegurira undi inyandiko nyemezabubiko ishyirwaho umukono inyuma:** gushyira umukono ku nyandiko nyemezabubiko y'uwashyize ibicuruzwa by'ibanze mu bubiko cyangwa ufite inyandiko nyemezabubiko hagamijwe icuruzwa ryayo;
- 14° **endorsement:** signing on the warehouse receipt by the depositor or holder of the warehouse receipt for the purpose of its negotiation;
- 14° **endossement:** signature d'un récépissé d'entrepôt par le déposant ou le détenteur du récépissé d'entrepôt à des fins de sa négociation;
- 15° **umuntu:** umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa koperative ;
- 15° **person:** an individual, a business company or a cooperative;
- 15° **personne:** individu, société commerciale ou coopérative ;
- 16° **ushinzwe gutanga inyandiko nyemezabubiko:** umuntu wahawe icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko ku bicuruzwa by'ibanze ;
- 16° **warehouse receipt operator:** a person licensed to issue a warehouse receipt of commodities;
- 16° **opérateur de récépissé d'entrepôt:** une personne agréée pour délivrer un récépissé d'entrepôt des produits de base;
- 17° **uwashyize ibicuruzwa by'ibanze mu bubiko bw'ibicuruzwa:** umuntu uha ibicuruzwa by'ibanze ucunga ububiko bw'ibicuruzwa kugira ngo abibike;
- 17° **depositor:** a person who delivers commodities to the warehouse operator for storage;
- 17° **déposant:** personne qui remet les produits de base à un opérateur d'entrepôt pour stockage;
- 18° **uweguriwe inyandiko nyemezabubiko:** umuntu wagurishijwe inyandiko nyemezabubiko.
- 18° **endorsee:** a person to whom the warehouse receipt is negotiated.
- 18° **endossataire:** personne à laquelle un récépissé d'entrepôt est négocié.

**UMUTWE WA II: ITANGWA
RY'ICYEMEZO CYO GUTANGA
INYANDIKO NYEMEZABUBIKO**

**CHAPTER II: ISSUANCE OF
WAREHOUSE RECEIPT OPERATOR'S
LICENSE**

**CHAPITRE II: OCTROI DE LICENCE
D'OPÉRATEUR DE RÉCÉPISSÉ
D'ENTREPÔT**

Ingingo ya 3: Urwego rutanga icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko

Ikigo ni rwo rwego rutanga icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko no kugenzura uko bikorwa.

Iteka rya Minisitiri rigena amafaranga atangwa mu gusaba no mu guhabwa icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko.

Ingingo ya 4: Gusaba icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko

Umuntu wese wifuza gutanga inyandiko nyemezabubiko agomba kubisaba Ikigo.

Umuntu ntiyemerewe gutanga inyandiko nyemezabubiko atabifitiye icyemezo.

Ingingo ya 5: Ibisabwa usaba icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko

Usaba icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko agomba kuba:

1 ° yujuje amafaranga fatizo y'igishoro yagenwe n'Ikigo;

Article 3: Organ to issue a Warehouse receipt operator's license

The Authority is the competent organ to issue a warehouse receipt operator's license and to make a follow-up thereon.

An Order of the Minister determines fees for applying for application for and issuance of a warehouse receipt operator's license.

Article 4: Application for warehouse receipt operator's license

Any person who intends to act as a warehouse receipt operator must apply to the Authority.

No person is authorised to issue a warehouse receipt unless he/she holds a license.

Article 5: Requirements for application for a warehouse receipt operator's license

Any applicant for a warehouse receipt operator's license applicant must fulfil the following requirements:

1 ° have a minimum capital determined by the Authority;

Article 3: Organe compétent pour l'octroi de licences d'opérateur de récépissé d'entrepôt

L'Autorité est le seul organe compétent pour l'octroi de la licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt et pour en assurer le suivi.

Un Arrêté du Ministre détermine les frais de demande et d'obtention de la licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt.

Article 4: Demande de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt

Quiconque désire s'engager comme opérateur de récépissés d'entrepôt doit en faire la demande à l'Autorité.

Il est interdit d'agir à titre d'opérateur de récépissés d'entrepôt sans être muni d'une licence.

Article 5: Conditions de demande de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt

Le demandeur de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt doit remplir les conditions suivantes :

1 ° être dans une situation financière saine avec un capital minimum déterminé par l'Autorité ;

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

- | | | |
|---|--|---|
| 2° yifitiye cyangwa akodesha ububiko bw'ibicuruzwa bwemewe bufite ibikoresho by'ibanze bituma bushobora kwakira, gupima, gushyira mu byiciro, kubika, gusukura no gupakurura ibicuruzwa by'ibanze bigenewe kubikwa; | 2° own or lease a certified warehouse with the necessary equipment that enables it to receive, weigh, grade, store, clean and off load the commodities to be tendered for storage; | 2° posséder ou louer un entrepôt ayant un équipement nécessaire permettant de recevoir, peser, calibrer, stocker, nettoyer et décharger les produits de base destinés au stockage; |
| 3° agaragaza ibicuruzwa by'ibanze asaba ko yajya abitangira inyandiko nyemezabubiko; | 3° indicate commodities of which he/she intends to issue the warehouse receipt; | 3° indiquer les produits de base pour lesquels il fait la demande de délivrer le récépissé d'entrepôt; |
| 4° akoresha abakozi babifitiye ubushobozi babihuguriwe kandi bafite ubunararibonye bwo kwita, gushyira mu byiciro no kubika neza ibicuruzwa by'ibanze ububiko bw'ibicuruzwa bushaka guhererwa icyemezo; | 4° employ qualified personnel with the relevant training and experience for handling, grading and to properly store commodities for which the warehouse seeks to be licensed; | 4° employer un personnel qualifié avec une formation appropriée et expérimenté dans la manutention, le calibrage et le stockage adapté aux produits de base pour lesquels la licence d'entrepôt est demandée; |
| 5° afite icyemezo cy'ubwishingizi bwishingira ibicuruzwa by'ibanze byose biri cyangwa bishobora kuba biri mu bubiko bw'ibicuruzwa byakwangizwa n'inkongi y'umuriro n'izindi mpanuka zakwishingirwa. | 5° have a certificate of insurance for all commodities which are or may be in such a warehouse that may be destroyed by fire and any other insurable risks. | 5° avoir un certificat d'assurance pour tous les produits de base qui sont ou peuvent être dans un tel entrepôt afin de couvrir la perte par incendie ou autres risques susceptibles d'être assurés. |

Ikigo gishobora gusaba usaba icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko kugiha andi makuru yose gisanga ari ngombwa yerekeye inyandiko isaba icyemezo, ayo makuru agatangwa mu buryo cyangwa akagenzurwa hakurikijwe amabwiriza rusange atangwa n'Ikigo.

The Authority may require the warehouse receipt operator's license applicant to furnish any other information the Authority considers necessary in connection with his/her application, which information shall be furnished or verified as laid down in the general regulations issued by the Authority.

L'Autorité peut requérir le demandeur d'une licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt de lui fournir tous autres renseignements qu'elle juge nécessaires en rapport avec sa demande de licence, lesquels renseignements sont fournis ou vérifiés selon les conditions prévues par les règlements généraux émis par l'Autorité.

Ingingo ya 6: Itangwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko

Article 6: Issuance of warehouse receipt operator's license

Article 6: Octroi d'une licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt

Iyo Ikigo cyemeye ko amakuru akenewe ahagije ngo cyige ubusabe, gitanga mu nyandiko umwanzuro mu minsi itarenze cumi n'itanu (15)

In case the Authority is satisfied that the information needed is sufficient to process the application, it gives a written notice of its

Lorsque l'Autorité estime que les informations nécessaires à l'examen de la demande sont suffisantes, elle communique sa décision par

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

y'akazi uhereye ku muni isabwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko ryakiriweho.

decision within fifteen (15) working days from the date of application of the warehouse operator's license.

écrit dans un délai de quinze (15) jours ouvrables à compter de la réception de la demande de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt.

Iyo umwanzuro udatanzwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye ku itariki isabwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko ryakiriweho nta mpamvu izwi, isabwa rifatwa nk'iryemewe.

If the decision is not communicated within fifteen (15) working days from the date of application of the warehouse receipt operator's license without a justified reason, the application is considered to have been granted.

Si la décision n'est pas communiquée dans les quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande de licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt sans raison connue, la demande est réputée avoir été approuvée.

Ingingo ya 7: Itangazwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko

Article 7: Publication of issuance of warehouse receipt operator's license

Article 7: Publication de l'octroi d'une licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt

Mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira umunsi ntarengwa wo guhabwa icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko, ushinzwe gutanga inyandiko nyemezabubiko atangaza nibura muri kimwe mu binyamakuru bikorera mu Rwanda kandi gisomwa n'abantu benshi amakuru akurikira:

A warehouse receipt operator publishes, within thirty (30) days from the actual date of issue of the warehouse receipt operator's license, the following information in at least one of the widely circulated newspapers published in Rwanda:

Endéans trente (30) jours suivant la date effective de réception de la licence, l'opérateur de récépissés d'entrepôt publie dans au moins l'un des journaux à large diffusion publiés au Rwanda les informations suivantes :

1° aderesi n'icyicaro gikuru cy'ububiko bw'ibicuruzwa;

1° the address and head office of the warehouse;

1° l'adresse professionnelle et le siège de l'entrepôt;

2° aderesi ya buri bubiko bw'ibicuruzwa bwemewe agezura;

2° the address of each certified warehouse under his/her control;

2° l'adresse de chaque entrepôt certifié sous son contrôle ;

3° ubwoko bw'ibicuruzwa by'ibanze yemerewe gutangira inyandiko nyemezabubiko.

3° the type of commodities for which he/she has been authorized to issue warehouse receipts.

3° le type de produits de base pour lesquels il a été autorisé à émettre des récépissés d'entrepôt.

Ushinzwe gutanga inyandiko nyemezabubiko wemerewe agomba gushyira ahantu hagaragara ku mazu yose akoreramo ubucuruzi inyandiko igaragaza ko yahawe icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko.

A licensed warehouse receipt operator must permanently display in a visible place of all his/her business premises a statement showing that he/she has been issued with warehouse receipt operator's license.

L'opérateur de récépissés d'entrepôt agréé doit afficher en permanence dans un endroit lisible de tous ses locaux une déclaration montrant qu'il a reçu une licence d'opérateur de récépissés d'entrepôt.

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

Ikigo gitangaza buri mwaka mu kinyamakuru gisomwa ku rwego rw'igihugu no ku rubuga rwayo rwa interineti amazina y'abashinzwe gutanga inyandiko nyemezabubiko bahawe icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko.

Ingingo va 8: Impamvu z'ihagarikwa n'iyamburwa ry'icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko

Ikigo gishobora guhagarika cyangwa kwambura umuntu icyemezo cyo gutanga inyandiko nyemezabubiko kikamutegeka guhagarika imirimo yose ijyanye na byo, iyo ushinzwe gutanga inyandiko nyemezabubiko:

- 1° atashoboye kugumana amafaranga fatizo y'igishoro asabwa;
- 2° yarenze ku mategeko cyangwa amabwiriza rusange yose cyangwa amwe muri yo agenga ibikorwa bijyanye n'inyandiko nyemezabubiko;
- 3° ari mu nzira z'iseswa no kwegeranya umutungo no kuwugabagabanya cyangwa hari ibimenyetso bifatika by'uko ibyo bishobora kuba;
- 4° yagaragaweho kuba nta bumenyi cyangwa ubushobozi agifite bwo gukomeza ibikorwa by'ubucuruzi bye.

